## KURAHIZA ABACAMANZA N'UMWANDITSI

## KU WA 8 KAMENA 2022

Mu izina ry'Inama Nkuru y'Ubucamanza, nishimiye kwakira indahiro zanyu, nk'ikimenyetso ko mwemeye inshingano mwahawe kandi ko muzitangiye ku mugaragaro.

Nk'abantu musanzwe mu Rwego rw'Ubucamanza, kandi bamwe muri mwe mukaba munari no Nama Nkuru y'Ubucamanza, muzi neza inshingano z'ubucamanza n'uruhare bufite mu kubungabunga uburenganzira bwa buri muturarwanda no gukomeza kubaka umuco w'igihugu kigendera ku mategeko kandi kiyubahiriza kuri buri wese.

Icyo abaturarwanda badutegerejeho ni ugutanga ubutabera bunyuze mu byemezo by'inkiko bifashwe mu mucyo, nta kubogama cyangwa kuvugirwamo ngo hafatwe ibyemezo bishingiye ku nyungu bwite z'abantu aho gushingira ku bimenyetso byatanzwe n'amategeko akurikizwa.

Nagira ngo na none nibutse ko mu mikorere ya buri munsi, uretse nyine kwitwararika kubahiriza amahame y'ubunyamwuga, ubudakemwa, kutabogama no kutavugirwamo mu gufata ibyemezo, ni byiza kwihatira gukora nk'ikipe, cyane cyane ku bari mu nzego z'ubuyobozi bw'inkiko; mukaganira ku buryo inkiko zanyu zarushaho gufata ibyemezo biboneye kandi bitanga koko ubutabera, no ku buryo bwo gukemura ibibazo bitandukanye bitabura mu kazi.

Nongeye kubifuriza kuzarangiza neza inshingano mumaze kurarahirira, nabizeza ubufatanye busesuye bw'Ubuyobozi bw'Urwego rw'Ubucamanza muri uwo murimo.

Dukomeze twubake Urwego rw'Ubucamanza rukomeye, aho inkiko zitanga ubutabera buboneye bubumbatira uburenganzira bw'abaturarwanda, mu nzira yo gukomeza kubaka u Rwanda rutekanye kandi rufite iterambere.

**Murakoze, mugire amahoro.**